

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA
MADAME Jeannette KAGAME MURI
KONGERE IDASANZWE Y'URUGAGA
RW'ABAGORE RUSHAMIKIYE KU
MURYANGO RPF-INKOTANYI

Rusororo, ku wa 2 Ukuboza 2017

Nyakubahwa Umunyamabanga mukuru
w' Umuryango RPF Inkotanyi,

Ba Nyakubahwa Bayobozi mu nzego
z'Umuryango wacu RPF-Inkotanyi,

Abashyitsi baturutse mu Mitwe ya
Politiki yo mu Rwanda no mu mahanga,

Esteemed Friends of the RPF,

Bavandimwe Ntore z'Umuryango,

Mwongeye kwirirwa!

Nagira ngo nshimire Umuryango RPF-
Inkotanyi, by'umwihariko Urugaga
rw'abagore, kuba mwantumiye

nk'Umunyamuryango, kuza kwifatanya namwe muri iyi nteko idasanzwe, yatanzwemo ibitekerezo byubaka.

Nkanashimira kandi indi Mitwe ya Politiki yaje kwifatanya natwe.

Muraza kunyemerere mbere y'uko nkomeza mbanze nshimire abashyitsi dufite, mu rurimi bashobora kuba bakumva.

Esteemed Friends of the RPF,

I take this opportunity to first wish you a warm welcome to Rwanda, and thank you for accepting our invitation to join us, for this RPF Women's League Extraordinary Congress.

Today's different discussions serve as yet another reminder that we, as women, are the core of our families, our home, and our nation.

History has showed time and again, that within us lies the power to heal and

rebuild our communities, and as such we should always remind each other that we cannot, and must not, shy away from our abilities to stand up for what is right.

I humbly believe that it is therefore our duty to never stop supporting and empowering each other, through the struggles we may encounter at different stages of our lives; while also raising our future generations, so they can become the kind of responsible leaders, who are

truly committed to the wellbeing of everyone.

Bavandimwe Ntore z’umuryango RPF,

Barahirwa Abanyarwandakazi,

Abanyarandakazi bavutse kandi

babyirukira mu muryango

w’ibihangange!

Ndavuga ibihangange, “Bato batari gito

–Inkotanyi

(Ngira ngo abato batubona, iyo

twese...hano ndabona ba Komiseri

bamwe harimo ba Komiseri Karemera,
SG n'abandi imyaka mirongo itatu
ishize twari bato natwe)

Barebye rero kure babona imbaraga
zitangaje

Z'Umunyarwandakazi mutima-wa byose
Bafatanya urugendo rwo kubohora
urwatubyaye,

N'ibiri mu itegeko-nshinga
birubahirizwa,

None ba Nyampinga **tukaba** tuganje
Hano twese. Mumfashe rero tubahe
impundu!

Ukurikije amateka y'igihugu cyacu ariko, ntawakwibagirwa ko hari n' amahitamo mabi abategarugori bagize, agahekura u Rwanda rwacu.

Gusa kandi, nta n'uwakwirengagiza nanone, ko hari abagore bumvise ko umuti wa RPF-Inkotanyi yaduhaye w'Ubunyarwanda, ari wo wonyine wakomora, kandi ugakiza u Rwanda.

Uwo muti kandi ukaba waraduhaye urubuga n'imbaraga zo kongera kubaka no kurerera neza u Rwanda rwacu.

Ntekereza ubutumwa nifuza kubaha uyu munsi, nabonye ikiganiro Minisitiri w'Intebe wacu **Yagize ejo mu** Nteko. Ikiganiro cyavugaga ku bitaruzura kandi biri ngombwa kugirango tugere ku bukungu twifuza.

Mbibonye, **byatumye** numva uyu munsi numva dukwiye kuba twakongera kongera kukabivugaho.

Muri wa mutima w'umugore uhora ushaka kunoza ibitameze neza, uhora uhangayikishijwe no kubaho kwa buri munsi k' umuryango we muto, ndetse

n'igihugu cye, tugomba kuzuza ibigicagase kuko tutifuza u Rwanda rucagase.

Iyo **rero** ubona uko u Rwanda rutera imbere usanga tudakwiye kubijenjeka kuko buri muni dusabwa byinshi.

Dukwiriye kureba ukuntu twakongera ubumenyi bw'Abanyarwanda bagera kuri 39%, badafite ubumenyi bujyanye n' isoko ry'umurimo mu bijyanye n'ubukungu, ugereranyije n'abari mu

kazi mu Rwanda ndetse n'ibipimo isi
igezeho!

Ubwo, Intore zishinzwe Ministeri y'
umurimo **zizatureberera** uko
ubumenyi buhagaze mu nzego zose
z'umurimo, kugirango tumenye ahari
icyuho n'ingamba twafata.

Turakora iki rero kugira ngo twuzuze
imibare yagaragajwe icagase twifuza
kugeraho. Haba mu buhinzi n'ubworozi,
mu bucuruzi, mu kongera ingufu

z'amashanyarazi, mu bukerarugendo,
Ubukungu no mu mibereho myiza?

Nk'imwe mu nkingi rero z'Umuryango
RPF rero, Urugaga rw'Abagore,
ntidukwiye kubyoroshya. Dukwiye
kubyibaza no gushakisha ingamba zo
kubyuzuzza.

Izo ngamba kandi ziranasubiza bimwe
mu mironko migari y'icyerekezo 2017-
2024 iri muri National Strategy for
Transformation.

Biratuganisha kandi k'ubukungu butugeza no ku mibereho myiza.

Ariko kandi byombi bigakenera ubuyobozi bunoze, bwihuta, kandi bukoresha neza ubushobozi igihugu cyacu gifite.

Izi nkingi eshatu zirahura kandi n' insanganyamatsiko y' iyi nama, **y'uyumunsi:** impinduka zirambye, kutagamburuzwa no kwigira (*Transformation, Resilience and Self-reliance*).

Bigahura kandi na za nshingano z'umugore ubereye u Rwanda twifuza arizo:

- Kuba umuyobozi (waba uri umukozi wa Leta, rwiyemezamirimo, n'ibindi...) cyangwa se
- Kuba umubyeyi; no
- Kuba umugore ubana neza, akuzuzanya n'uwo bashakanye mu guteza imbere urugo rwabo.

Natangiye mvuga ko umuryango wacu warebye kure kuva kera, maze uha umugore uruhare ku ikubitiro.

Iterambere rero ntabwo ryagerwaho, 52% by'abaturage batagizemo uruhare kandi rugaragara.

Turabikora dute rero tudahungabanyije inshingano zacu zo kuba Abagore, Ababyeyi ndetse n'abayobozi?

Umuntu iyo ageze kuri iyi ngingo ariko,
biragorana gukomeza kubiganira
tweyine nk'abagore!

Bikwiye ko tubiganiraho turi kumwe n'
abo dushobora kuba tubangamira igihe
tutubahirije za nshingano-nyabutatu.

N'ubwo twirebye nk'abagore, murabizi
ko umuco wacu muri RPF, nta vangura
ribaho kandi nta ntore igenda yonyine.

Birasaba ko twashakira hamwe
n'abagabo, umuti wuzuye wo

kubungabunga izo nshingano uko ari
eshatu.

Ariko ubwo **bose** badahari , reka tubanze
twishakemo ibisubizo.

Aho twifuza kugera hagomba kujyana
n'imbaraga dushyiramo, kuko ntakundi
byagenda.

Nagira ngo mbasangize bimwe mu byo
ntekereza ko byadufasha:

Ariko niba twitegereje neza, muri bamwe
bari kuri za “panels” uko ari ebyiri,
ngirango duhagarariwe neza.

Hari harimo abaduhagarariye muri EALA, dufite ba Governors, dufite ba Rwiyemezamirimo barimo ba Engeneers bakiri na batoya cyane; twari dufitemo aba media, dufitemo abaduhagarariye muri ECD, REG, muri BNR...ubwo icyo tudafite ni iki?

❖ Ubwo **rero** dufite abagore benshi mu buyobozi, bigomba kujyana n'impinduka n'umusaruro wifuzwa. Abagore bari mu buyobozi batandukanye nibaturebere

ibitudindiza mbere y’uko tubivugutira umuti.

- ❖ Dufatanye kureba ikintu cyose kidindiza imikorere maze tugishakire umuti kuko niho byose bipfira bikadindiza byinshi.

Ugasanga twese dukoresha ingufu nyinshi, abantu bakananirwa kandi ntibabone umwanya wo kubahiriza za nshingano twahoze tuvuga **haruguru**

- ❖ Hakwiye kubaho ishusho ngari y’icyo dushaka kugeraho, hakaba icyo nakwita **“checklist”** cyangwa

urutonde rw' ibigomba gukorwa. Ku buryo yaba uyoborwa ndetse n' umuyobozi, bese baba bumva kimwe ikigomba gukorwa, mu gihe gisobanutse, n'umusaruro wifuzwa. Bigatuma tubona umwanya wo kwita ku nshingano zacu. Mudufashe mutuvanireho izo nzitizi! ngira ngo mugenzi wacu wo muri REG we, ku rwego rwe ruto yagaragarije ko yashoboye kuganira n'umuyoboze ashobora kuba yamufasha gukemura bimwe mu byashoboraga kumubuza

kuzuza inshingano ze z'umubyeyi
mwiza

❖ Mu byo dukora twimenyereze
gukorera kuri gahunda (planning),
tumenye gukoresha igihe cyacu kandi
neza.

❖ Dukwiye gushaka ibisubizo mu
mahirwe dufite twakoresha mu
nshingano zacu zo kwita ku
muryango.

Bimwe muri byo hari
Ikoranabuhanga, hari ECD..kiriya
kintu ni ikintu cya ngombwa,
ntawabivuga ngo abishimangire

buhagije. Kuko nta kintu gitera ubwoba nko kugira ngo ugende utazi aho wasize gusiga umwana wawe. Tubigire inshingano zacu turebe ko twazikwirakwiza hose ababyeyi bajye bagenda bazi aho basize abana babo kugira ngo bakore inshingano zabo neza.

Ariko **rero** ibi byose, ntibitubuze gukomeza inshingano zo kurera, kwita ku muryango no kubaka igihugu.

- ❖ Ni ngombwa guhindura imyumvire muri byose. Tugashaka ibisubizo

byorohera abantu, bisakara kandi
bikagabanya gutakaza umwanya
umuntu ashakisha inzira ibintu
bikorwamo kuko igihe kirahenda! Aha
ndashaka kuvuga ko dukwiye kubaka
systems zisobanutse, zihutisha
ibikorwa kandi ku buryo bunoze
bikaduha igihe cyo kubahiriza za
nshingano zacu.

Maze babandi 52% y'Abanyarwanda rero
tube “ ***Mutima wa byose, wuzuzwa
kandi ukanoza ibitaranoga***”!

Navuga rero ntashidikanya ko
***“Ukurusha umugore ufite uruhare
anakurusha n’ igihugu gihamye”.***

Mu gusoza nifuzaga kudasaba guhora
twibuka ko RPF-Inkotanyi yaduhaye
igihugu.

Hari benshi bitanze kugira ngo tube
tugeze aha, tukaba tugamije no kuba
twanagarenga.

Mboneyeho umwanya wo gushimira abantu bose bitanze mu rugamba rwo kubohora igihugu: abasenze, ababyinye, abakoze ubukanguramba, ababyeyi babaye incike abana bashiriye ku rugamba, imfubyi zabuze ababyeyi babo barwanira u Rwanda, buri wese n' umusanzu yatanze uwo ari wose.

Tunashimire cyane ababyeyi, ari abariho n'abatazamenyekana, babyariye igihugu

Abatabazi.

Inyiturano twaha abo babyeyi ni ugutegura urubyiruko rwacu hakiri kare, bakazavamo abayobozi beza, ababyeyi beza, abagabo n’abagore bazubaka umuryango uhamye n’igihugu twifuza.

Bityo bakagera ikirenge mu cy’izo ntware z aduhaye kino gihugu u Rwanda.

Nk’abasenyera umugenzi umwe, tujye duhora tuzirikana ko tudashobora na rimwe gutakaza **“the big picture”** ituruta twese ariwo uno muryango.

Buri ntore hano ni nk' isaro ku runigi nta wacika kuri urwo runigi ngo agire icyo yigezaho ku giti cye. Biradusaba guhora twibona mu ndorerwamo z'umuryango muto, umuryango mugali ariwo n'umuryango wacu FPR n'igihugu ; nta na kimwe gikwiye kubangamira ikindi; biruzuzanya.

Nkaba nasozza nizeza umunyamuryango wa PDI ko ubutumwa bwa “ Baba wa Taifa” ko nzabusohoza. Nkarangiza mbashimira kuba mwanteze amatwi.

Murakoze